REGIE IMPRISCO

ISCO 86/347 — 5000
Byandikiwe muri Reji y'Icapiro ry'Amashuri
B.P. 1347 Kigali Tél.·2136

REPUBULIKA Y'U RWANDA

MINISITERI Y'AMASHURI ABANZA
N'AYISUMBUYE

# GUSOMA 3

## UMWAKA WA GATATU

## IGITABO CY'UMWARIMU

Ugushyingo 1986

# GUSOMA 3

**UMWAKA WA GATATU**

IGITABO CY'UMWARIMU

© 1986 Minisiteri y'Amashuri Abanza n'Ayisumbuye

— Ubuyobozi Bukuru bw'Ubushakashatsi bw'Ubuhanga mu byo Kwigisha
— Ubuyobozi bw'Integanyanyigisho z'Amashuri Abanza n'iz'Agamije Amajyambere y'Imyuga.

Byandikiwe muri Reji y'Icapiro ry'Amashuri
B.P. 1347 Kigali Tél. 2136

# IRIBURIRO

*Mwarimu w'umwaka wa gatatu, ngiyi indi mfashanyigisho y'ikinyarwanda. Nanone nk'uko usanzwe ubizi, nta kuyifata ngo uyisomere abanyeshuri bawe, boshye akanyamakuru, ndetse ngo hanyuma ubandikishe. Ugomba kuyuzuza ukayihuza n'ikigero cy'abanyeshuri bawe nk'uko n'imbonezamasomo igomba kuborohera.*

*Uko gushyiraho akawe kūko uri umurezi ukaba n'umuhanga, ni imwe mu mpamvu zatumye tutava ruhande imyandiko iri muri ki gitabo ngo tuyisobanure. Twatoranyije iyaba ikomeye cyangwa se ikubiyemo ingingo nyinshi z'ingirakamaro umunyeshuri yakumva bimugoye cyane.*

*Intego zigomba kugerwaho muri uyu mwaka, zishingiye ku «gusoma no kwandika» nk'uko ingengabihe ibyerekana; ariko hakubiyemo imyanya myinshi turi busange mu mbonezamasomo.*

*Iki gitabo cyanditswe na:*

*NKERAMIHIGO Yohani*
*NGIRABATWARE Andereya*
*KAMALI Alufonsi*
*MURERA Yohani Batisita.*

*Cyasuzumwe na:*

*KARANI Yohani Bosiko*
*NDANGALI Kirisitofu*
*RWAMAMARA Mariko*
*MUSHOTSI Geregori*
*NDAMUKUNDA Kalara*
*MUKABAYIRO Pelajiya*
*MUNYANGABE Samweli.*

## 1. INTEGANYANYIGISHO

| Ubumenyingiro | Ubumenyi |
|---|---|
| Umunyeshuri agomba gushobora: | |
| — Kuvuga igihekane cyiganje mu magambo abwiwe.<br>— Kuvuga amagambo arimo igihekane yumvise.<br>— Kuvuga icyo amashusho mfashanyigisho asobanura.<br>— Gusoma amagambo n'interuro birimo igihekane cyizwe.<br>— Kwandika igihekane cyizwe.<br>— Kwandika amagambo n'interuro birimo igihekane cyizwe.<br>— Gutandukanya mu mvugo amagambo arimo ibihekane bijya gusa. | • Ibihekane (ku bisanzwe hiyongereyeho: nc, ncw, ncy, mfw, pyw, mfy, nshyw, mvy, mvyw, vw, vy, ryw, myw, pw, py, fy). |
| — Gusobanura amashusho nsanganyamatsiko.<br>— Gusoma bucece umwandiko.<br>— Gusoma aranguruye yubahiriza iyitsa ry'amagambo. | • Umwandiko. |
| — Kuzuza interuro akoresheje amagambo ahawe.<br>— Guhimba interuro akoresheje amagambo ahawe. | • Inyunguramagambo |
| — Gusubiza ibibazo byerekeye umwandiko wizwe.<br>— Kuvuga ibyo wumvise mu mwandiko wizwe. | Ingingo z'umwandiko |
| — Gukoresha akabago, akabazo n'agatangaro ahakwiye.<br>— Gukoresha inyuguti nkuru inyuma y'utwatuzo dukwiye. | • Utwatuzo |

| | |
|---|---|
| — Gukoresha mu mvugo cyangwa mu nyandiko interuro mbonezamvugo ahereye ku magambo bamubwiye. | • Interuro ngufi |
| — Kwandika nta kosa amagambo n'interuro azishyiramo utwatuzo yize | • Icyandikwa |
| — Kuvuga icyo amashusho nsanganyamatsiko asobanura | • Inozamvugo |
| — Kuvuga icyo yumvise, yasomye, yabonye cyangwa yafashe mu mutwe | |
| — Kwiga twa seni tumwe na tumwe yasomye | |
| — Guca imigani | |
| — Gusakuza | |
| — Gutondagura amagambo y'amagorane | |
| — Gutera imbyino | |
| — Kwivuga | |



## IMBONEZAMASOMO

2.1. Imyanya igihekane cyigishirizwamo

2.1.1. Isubiramo

2.1.2. Igihekane gishya

2.1.2.1. Kumva

Bahitamo muri ubu buryo butatu:

- gutekerereza abanyeshuri agakuru kiganjemo igihekane cyigwa
- kwerekana imfashanyigisho kirimo
- gukoresha ibibazo byabugenewe

2.1.2.2. Gutahura

- kuvumbura igihekane cyiganje muri 2.1.2.1.
- kukivuga

2.1.2.3. Kumvikanisha igihekane

- gushaka amagambo arimo igihekane cyigwa
- kuvuga ayo magambo ( ay'imbonwa ntabamo igihekane kitarigwa )

2.1.2.4. Kureba

- kwandika mu ibara igihekane cyizwe mu magambo y'imbonwa

2.1.2.5. Gusoma

- urugero rwa mwarimu
- gusomesha abanyeshuri umwe umwe cyangwa itsinda rito

2.1.2.6. Kwandika

- kwandika ku mbaho igihekane cyigwa
- kwandika amagambo cyangwa interuro birimo igihekane cyigwa

2.1.2.7. Gusuzuma

- gutanga urwunge rw'imyitozo yo kumva igihekane gishya, kukivuga, kugisoma, no kucyandika
- **Icyitonderwa:** Ibihekane bitagira amagambo menshi byigishirizwa mu yabyo make.

2.2.1. Ivumburamatsiko

Iyo inyigisho yateganyijwe atari isubiramo cyangwa ngo ibe ishingiye ku nsanganyamatsiko abanyeshuri bamenyereye, umwarimu abategurira ivumburamatsiko rituma bahuguka, bakibagirwa ibyo bari bahugiyemo, bagashishikarira kumenya ibyo bagiye kwiga. Uyu mwanya ugira intego nyinshi: nko gukoresha isubiramo rigaragaza ubumenyingiro n'ubumenyi abanyeshuri bamaze kunguka, ukurikiraho ukabariburira ibyo bagiye kwiga, nko gufatira ku bintu bigaragara basanzwe bazi, nko gutangiza akaganiro cyangwa agakuru gahuye n'icyigwa gishya cyangwa kubyaza agakuru amashusho mfashanyigisho.

2.2.2. Gusoma bucece

Uyu mwanya ubereyeho guteguriza cyane cyane gusoma uranguruye, inyunguramagambo n'ingingo z'umwandiko, ugafasha abanyeshuri gusoma batajijinganya, kumva ibyo basoma ndetse no gutegura ibyo bari busiganuze. N'ubwo imyandiko isomwa idakomeye, uyu mwitozo ntibawutindaho, ni ngombwa kuwumenyereza abanyeshuri kuko bazakomeza kuwukora nibava mu mashuri. Nibirinde rero hakiri kare gusoma bahwihwisa, bakubita iminwa, basomesha urutoki kandi batore kutubika umutwe cyane mu byo basoma.

2.2.3. Gusoma baranguruye

Abanyeshuri basoma baranguruye interuro zihagije z'umwandiko, bityo bakerekana ko hari icyo basomye kandi ko hari icyo bumvise.

Ariko nk'uko twabivuze mu iyiganyuguti, basoma umwe umwe cyangwa itsinda riringaniye bityo Mwarimu agashobora gukosora ukosheje no gutera inkunga undi wese uyikeneye. Nta «kugemura» amagambo cyangwa gusoma ukwaryo buri jambo riremye interuro, kuko atari ko Umunyarwanda avuga ikinyarwanda. Iyitsa ry'amagambo n'iry'interuro na ryo rigomba kwitabwaho, maze mu mwaka wa gatatu bakiga no kumvikanisha tumwe mu twatuzo iyo basoma.



2.2.4. Inyunguramagambo

Igamije kongerera umunyeshuri amagambo mashya kandi n'imvugo ye ikarushaho kunoga. Mwarimu yakwifashisha interuro, inkuru, amashusho, ibigereranyo, imbusane... Ubwo ayo magambo agenewe gukungahaza imvugo y'umunyeshuri, no kuyakoresha nko mu myitozo y'iremanteruro n'iy'iyuzuzanteruro. Birakwiye kwirinda ibirango (urugero «kugenda» ni iki?) kuko birenze ubwenge bw'abanyeshuri b'iki cyiciro.

2.2.5. Ingingo z'umwandiko

Mwarimu ategura ibibazo byinshi ku mifungo y'umwandiko kandi biwufitemo ibisubizo. Ibyo gutekereza na byo ntibiburamo, ariko ntibihanikire abanyeshuri. Ibisubizo batanga bigomba kuba bifututse kandi byuzuye.

Ndetse bishobotse, cyane cyane ku mwandiko abanyeshuri bazafata mu mutwe, Mwarimu yakoresha isubiramwandiko: urwunge rw'ibibazo bikurikije uko imifungo y'umwandiko yose ikurikiranye, maze ibisubizo bikarema undi mwandiko usa n'uwo wigwa.

Uyu mwanya wakurikirwa n'urugero rwa mwarimu rwo gusozera, wuzuza uko yagiye akosora abanyeshuri, binatewe n'imiterere y'umwandiko n'intego yagenewe isomo.

2.2.6. Iyandikisha

Kwandika nta kosa ni intego igerwaho ibanjirijwe n'izindi nyinshi. Muri iyi myaka mito, bibanda ku gutunganya amagambo mu nyandiko, ku inozamukono ry'inyuguti, ry'amagambo, ry'interuro ngufi no ku twatuzo tw'ibanze. Umunyeshuri atega amatwi akandika, agakosorwa ukwe mbere y'ikosora rusange rikorwa ku kibaho. (Utwatuzo tutarigwa Mwarimu ntatwitaho).

2.2.7. Imyitozo mfuturamvugo

Igamije gufasha umunyeshuri kuvuga adategwa, nta masonisoni. Ururimi ruvugwa umunyeshuri arwigira kuruvuga kandi akarwiga aruvuga. Uretse ko iriya myanya 2.2.3., 2.2.4, 2.2.5., 2.2.6., na yo itatungana umunyeshuri atavuga, hari n'indi agomba kwihata: nko gusubira neza mu

byo yumvise, gutera ibyo yafashe mu mutwe cyangwa kubikina, gusakuza, gusubira mu magorane, gutera utubyino ... (Reba integanyanyigisho).

2.2.8. Ikibonezamvugo

Iri ni ijambo rigira inyito nyinshi tutarondora hano. Ni nk'umwandikoshusho wuzuye w'imiterere y'ururimi. Ni mo usanga iyigamajwi n'iyigamvugo, iyigantego,n'igenamajwi, iyigarutonde n'iyiganyito; ndetse hakongerwaho n'inyandiko ya kinyarwanda, ubutinde n'imiterere by'amasaku. Mu magambo make rero, ni cyo kitwigisha amategeko ururimi rushingiyeho, isesengura ry'interuro y'ingingo imwe cyangwa nyinshi, kamere n'akamaro by'amagambo azigize, na cyo gishingira ku mwandiko wuzuye, kikawigishirizwamo. Erega kuvuga ku buryo butunganye, kwandika nta kosa, gukurikiranya neza amabango y'interuro, gukurikiza amategeko y'isanisha no gukoresha ijambo ryabugenewe na byo ni ikibonezamvugo! Uretse uko gutunganya imvugo y'umunyeshuri, mu kibonezamvugo hiyongereyeho interuro ngufi na tumwe mu twatuzo. (Reba integanyanyigisho).

## 3. NZAKUNDA KUJYA MU ISHURI *(Sh., urup. 28.)*

**Icyitonderwa:**

Mw: Umwarimu
Sh: Igitabo cy'umunyeshuri
Mw.: Igitabo cy'Umwarimu
Sh.: Umunyeshuri

3.1. Kumva ibyasomwe

3.1.1. Inyunguramagambo

gufindura:
kwitahurira ibintu utari usanzwe uzi, cyangwa kubyisobanurira.
Kumenya gusoma bituma dusobanukirwa ku byanditswe.

ubukorikori:
utwuga cyangwa uturimo twerekeye kuremarema ibikoresho bishya cyangwa gusana ibyangiritse.



kurondora:
gutondagura ibintu byose nta cyo wibagiwe.

3.1.2. Ingingo

— Erekana impamvu zishishikariza kujya mu mashuri.
— Muri uyu mwandiko ni ibiki biranga umunyeshuri mwiza?
— Kumenya gusoma ni ngombwa. Ariko se byonyine birahagije?
Mbese kwiga bizakugirira akamaro wenyine?
— Gira inama umwana wanga kwiga.

3.1.3. Inozamvugo

— Ishuri ryacu (ibirimo, ibidukikije, uko risa, akamaro karyo...)
— Ibyo nkora mu ishuri.
Mwarimu yatanga ibibazo byinshi byo kongerera abanyeshuri ibitekerezo.

## 4. ISUKA *(Sh., urup. 31.)*

4.1. Kumva ibyasomwe

4.1.1. Inyunguramagambo

cy'ingenzi:
cya mbere, gikuru kuruta ibindi, cy'ifatizo.

batararwadukamo:
bataraza mu Rwanda ngo barubemo.

batewe inkunga:
barashyigikiwe.

intabire:
— umurima wahinzwe hasigaye gusa gutera imbuto
— umurima wonwe cyane

inganda:
aho bacurira ibyuma

4.1.2. Ingingo

Igikoresho cya mbere cy'Abanyarwanda mu buhinzi ni ikihe?

Amasuka yitirirwaga iki?
Vuga amoko amwe y'amasuka.
Amasuka ya kizungu yitiriwe iki?
Hari izina amasuka yose ahuriyeho. Ni irihe?
Iyo babagara cyangwa batera intabire bakoresha iki?

## 5. URUKWAVU N'IGIKONA *(Sh., urup. 35.)*

5.1. Kumva ibyasomwe

5.1.1. Inyunguramagambo

ahirengeye:
ku gasozi ahagaragara, ahitaruye.

sakabaka:
igisiga kigiye gusa n'agaca ariko kikaba kinini gato. Na cyo gifata inkoko.

intumbi:
umubiri w'ikintu cyapfuye

gutora:
gushaka ibyo kurya hirya no hino (bivugwa ku nyoni zose: inkoko, inkware...)

nduzi:
ndabona, ndasanga.

5.1.2. Ingingo

1. Kuki urukwavu rwashatse kwica igikona?
2. Igikona gikizwa n'iki?
3. Vuga ubwenge urukwavu rwahimbye bwo kuzacyica.
4. Sakabaka yarufashije ite?
5. Igikona cyabonye gite ko urukwavu rutapfuye koko?
6. Ese amaherezo urukwavu rwishe ikigona?

## 6. ISUKU *(Sh., urup. 39.)*

6.1. Kumva ibyasomwe

6.1.1. Inyunguramagambo

kwiyandarika:
kutiyitaho, kutiyubaha.

ingarani:
icyobo batamo imyanda.



binanura ingingo:
umubiri uroroha ukamererwa neza.

umwera:
imvuvu ziva ku mubiri bitewe no kutisiga.

abakanishi:
abakora amamashini, imodoka, moteri, ... cyangwa ababisana.

kwiyunyuguza:
kunyuza amazi mu kanwa maze ukayacira.

6.1.2. Ingingo

— Indwara nyinshi ziterwa n'iki?
— Vuga bimwe mu birwanya indwara.
— Umuntu abigenza ate kugira ngo agire isuku?
— Kwiyuhagira kenshi bimarira iki umubiri wacu?
— Ese ni byiza kwisiga amavuta?
— Kuki hari abakozi bakwiye kwiyuhagira kenshi?
— Wasubiza iki abavuga ko kumesa imyenda kenshi biyica?
— Hari imirimo igomba gukoranwa isuku nyinshi: vugamo ibiri.

## 7. NYANSHYA NA BABA *(Sh., urup. 41.)*

7.1. Kumva ibyasomwe

7.1.1. Inyunguramagambo

akajeje:
ni akanyoni kangana n'ifundi ko mu bwoko bw'uruhuri (utunyoni duto dukunda gutara twiremye agatsiko).

kubaruka:
muri uyu mwandiko twabyita gukinguka, ubundi kubaruka ni ugusaduka cyangwa kwiyasa.

nyugururira:
kugurura ni ugukura imyugariro mu irembo kugira ngo abantu cyangwa amatungo bibashe kwinjira cyangwa kuva mu rugo. Aha twabyita gukinguka n'ubwo ari amakabyankuru (urutare rurakinguka).

kwarika:
mbere yo gushigisha cyangwa kuvuga umutsima bateka

(bashyushya) amazi, yamara kubira ari byo bita guserura bakabona gushyiramo ifu, bakavuga umutsima cyangwa bagashigisha inzoga.

kumviriza:
kwihisha, kwikinga ahantu ukumva ibitakugenewe.

idegede:
aho amadegede ataniye n'ibihaza ni uko amadegede afite ibara ry'icyatsi kibisi rivanzemo utubara twera.

ibihaza:
ibihaza bigira ibara ryera ryihariye byamara kwera bikagira irijya gutukura, cyangwa kuba umuhondo. Hari n'ibindi bijya gusa n'amadegede bita imyungu byera ku nzuzi z'ibicuma zitagira ibamba.

turakakudegeda mu nda:
ni igitutsi gihimbiye ku idegede, twavuga ko kivuga kugubwa nabi mu nda bitewe n'amadegede.

umukaka:
ni iryinyo ry'inyamaswa zitungwa n'inyama. Iryo ryinyo riratyara cyane kuko ari ryo rishishimura ibyo inyamaswa ibaga.

mu mbere:
amazu ya kinyarwanda afite ibice byinshi, bimwe muri byo ni ibi:

mu irebe:
ni hafi y'umuryango, mu kirambi: ni imbere y'iziko bahicara bota cyangwa barya, mu rubumbiro barahacana, hirya yaho hakaba umukubo (umugendo); mu mbere bahatereka inkono, inzoga n'ibibindi, mu rutara ni munsi y'uburiri bwa kinyarwanda, abafite inzu nto bahabika ibintu.

guhiguka:
kuva mu muhigo.

arashishoza:
areba yitonze, aritegereza.

guhorera:
kwitura inabi uwayigiriye umuvandimwe, mwene wanyu cyangwa incuti.



kunyaga:
gutwara ibintu cyangwa amatungo by'uwo wishe cyangwa utsinze mu mirwano. Kera banyagaga abantu bakabagira abagaragu cyangwa abaja (abantu bakora imirimo yo mu rugo y'ibwami cyangwa ibutware).

si jye wahera hahera umugani:
aya magambo avugwa iyo basoza umugani.

guhera:
tubyita kugenda ubutazagaruka, kugenda burundu, kurangira (umugani).

7.1.2. Gusubiza ibibazo

Nyanshya na Baba batungwaga n'iki?
Nyanshya na Baba babaga he?
Baba yamenyeshaga ate mushiki we ko ahiguye?
Vuga amayeri igisimba cyashukishije Nyanshya kugira ngo kimukinguze urutare.
Igisimba cyariye Nyanshya ku ncuro ya kangahe?
Subiza mu magambo make uko byagenze.
Baba yamenye ate ko Kizimu yariye mushiki we?
Baba yasanze muri Kizimu mushiki we wenyine?

7.1.3. Ihinamwandiko

**Urugero:** Nyanshya na Baba bavaga inda imwe ariko bari imfubyi. Babaga mu rutare, bagatungwa n'udusimba n'utunyoni Baba yahigaga. Hashize iminsi igisimba cyigana uko Baba yaririmbaga ahigutse kugira ngo Nyanshya amukingurire, kirya Nyanshya gisigaza ukuguru. Baba atahutse ajya guhorera mushiki we, yica icyo gisimba, agikuramo Nyanshya na bene wabo cyari cyarariye, ananyaga ibyo cyari gitunze byose.

**Impugukirwa:** Umwarimu ntiyibeshye ngo asomeshe abanyeshuri uru rugero, ahubwo abafashe guhina umwandiko ubwabo, bityo bazerekane ko bawumvise ku buryo bunononsoye.

## 8. UMUYAGA N'IZUBA *(Sh., urup. 47.)*

8.1. Kumva ibyasomwe

8.1.1. Inyunguramagambo

kurusha undi amaboko:
ni ugusumbya undi imbaraga.

kwikinga:
iri jambo rivuga kwihisha cyangwa kugama.

**Urugero:** — Yabonye umwarimu aje yikinga inyuma y'urugi.
— Yabonye imvura iguye yikinga munsi y'insina.

guhiga:
ni ukwiyemeza ku muntu umuratira ko umushumbije ubutwari, imbaraga.

gutabarana:
iri jambo rituruka ku nshinga «gutabara» ryo rivuga kujya kurwanya abanzi no gufashanya. Muri uyu mwandiko rivuga kujyana n'undi mu ntambara.

8.1.2. Ingingo

1. Umuyaga n'izuba byabanaga neza?
2. Umugenzi yakijije umuyaga n'izuba mu magambo make. Urabivugaho iki?
3. Ni iki cyatumye umuyaga utsindwa impaka?
4. Erekana ko guhorana ubwitonzi biruta guhubuka.

## 9. MVUYE KWA MASENGE *(Sh., urup. 49.)*

9.1. Ivumburamatsiko

Mwarimu agirane iki kiganiro n'abanyeshuri be.

Mw.: — Sebugabo na Nyiramana babyaranye abana babiri bitwa Sebahinzi na Mukecuru. Ubwo abo bana bapfana iki?
Sh.: — Sebahinzi ni musaza wa Mukecuru; Mukecuru akaba mushiki wa Sebahinzi.



Mw.: — Sebahinzi yarashatse na Mukecuru arashaka, na bo barabyara. Abo bana babo bafitanye sano ki?
Sh.: — Abo bana ni ababyara kuko bamwe ari babyara b'abandi.
Mw.: — Noneho mumbwire isano Mukecuru afitanye n'abana ba Sebahinzi.
Sh.: — Ni nyirasenge w'abo bana.
Mw.: — Sebahinzi we se apfana iki n'abana ba Mukecuru?
Sh.: — Ni nyirarume.
Mw.: — Sebagabo na Nyiramana se bo bapfana iki n'abo bana?
Sh.: — Sebagabo ni sekuru, Nyiramana ni nyirakuru.
Mw.: — Nimunyibutse amazina y'amasano twavuze.
Sh.: — Musaza, mushiki , babyara, nyirasenge, nyirarume, sekuru, nyirakuru.

9.2. Inyunguramagambo

nyirasenge wa Gahigi ni:
mushiki wa se wa Gahigi. Masenge ni mushiki wa data.

aramutekerereza ibyo yabonye:
aramubwira inkuru y'ibyo yabonye.

amaduka apakiye ibintu:
amazu yuzuye ibicuruzwa.

amamodoka acicikana:
amamodoka menshi anyuranamo buri kanya, kandi yihuta.

nakubwira iki!:
bikore rwose uko ushaka, komeza utyo simbikubuza.

9.3. Ingingo

— Ni iki cyerekana ko Gahutu yifuza kujya i Kigali?
— Vuga ibyo Gahigi yabonye i Kigali. Ibishobora gutwara abantu ni ibihe?
— Hari ibintu bibiri Gahutu yibanzeho cyane abaza mugenzi we, ni ibihe?
— Amahoteri afite kamaro ki?

Toranya interuro zikwiye.

a) Gahigi ni umuhanga mu ishuri
Gahutu angana na Gahigi

b) Gahutu na Gahigi bahuriye i Kigali.
Gahutu na Gahigi bavuye mu biruhuko.
Gahutu na Gahigi bagiye mu biruhuko.

c) Nyamirambo ni ihoteri y'i Kigali.
Nyamirambo iri mu mugi wa Kigali.
Kigali iri i Nyamirambo.

9.4. Umwitozo

— Abanyeshuri bafate mu mutwe iki kiganiro, babone kugikinira mu ishuri babiri babiri, cyangwa se bigabanyemo amatsinda abiri.
— Abanyeshuri babwirane uko ibiruhuko byagenze.
— Abanyeshuri babwirane n'andi masano bazi.

## 10. UMUNTU W'UMUNEBWE N'UMUNYABWIRA

*(Sh., urup. 51.)*

10.1. Kumva ibyasomwe

10.1.1. Inyunguramagambo

gukungahara:
gukira bihamye

10.1.2. Ingingo

— Vuga imiterere y'abavandimwe babiri bavugwa muri uyu mwandiko.
— Kuki umwe muri bo yari umukene?
— Umwe muri abo bavandimwe yabaye umukire, arakungahara. Kuki?
Umwe yapfuye ameze ate?
Undi yapfuye ameze ate?

## 11. KALIMA NA GAHIGI *(Sh., urup. 29.)*

11.1. Gusoma
11.2. Gusobanura amagambo yaba akomeye
11.3. Ibibazo byerekeye ingingo z'umwandiko
11.4. Gufata mu mutwe umwandiko



11.5. Kuwukinira imbere y'abandi, babiri babiri.
11.6. Ikibonezamvugo (Mwarimu azacyigisha mu masomo menshi no mu myandiko myinshi akurikije izi ngero tumuhaye. Nta kubihuruturira rimwe rero!).
11.6.1. Inshoza y'interuro ngufi
11.6.1.1. Intego rusange: — Gutandukanya amabango y'ingenzi mu nteruro
— Guhimba interuro ngufi cyangwa kuyuzuza.
11.6.1.2. Uburyo bw'isomo

- Umwarimu yandika izi nteruro ku kibaho.
  1. Kalima araganira.
  2. (Bombi) barahagaze.
  3. Ibishyimbo ni bikuru.
  4. Gahigi afite amafaranga menshi.
  5. Kalima na Gahigi bahuriye mu isoko.

Mwarimu asomesha umunyeshuri buri bango, akababaza niba rifite icyo rivuga gifututse, bakarigereranya n'interuro yuzuye.

**Urugero:**

Sh: — Kalima
Mw: — Mumenye icyo Kalima uwo akora, uko ameze, icyo abaye ...?
Sh: — Oya, nta byo bavuze.
— Umunyeshuri asome noneho interuro (1).
Mw: — Noneho mumenye iki?
Sh: — Tumenye icyo Kalima akora (arimo gukora, ari mu gukora).
Mw: — Mubibwiwe n'iki?
Sh: — Na «araganira».

- Bakomeze batyo no kuri ziriya nteruro zisigaye. Iya 2 irabamenyesha uko abo bantu bameze; iya 3 uko ibishyimbo bingana; iya 4 icyo Gahigi afite; iya 5 ko Kalima na Gahigi bahuye n'aho bahuriye.
- Izi ngero zizafasha Mwarimu kwereka abanyeshuri

ko interuro yoroshye isanzwe ishobora kugira amabango abiri cyangwa rimwe. Ibango rero ry'ingenzi mu nteruro rikaba amagambo atuma interuro yemerwa mu kinyarwanda kandi ikuzura na yo ikaba interuro mbonezamvugo.

Iyo interuro ifite amabango abiri, aruzuzanya. Iyo ifite ibango rimwe riba ryihagije ririmo inshinga.

**Ingero:** Barahagaze
Ndaje.
Nze?
Tugende

Inshinga rero ni yo zingiro ry'interuro. Habaho inshinga zigomba iteka ibyuzuzo. Nta wavuga ati «ni ; afite ; bahuriye...» ngo abo abwira bumve icyo yashatse kuvuga.

11.6.1.3. Uzuza izi nteruro.

Gahigi atuye ......
........ ni umusore
Kera sogokuru ........ umusare
Kuki uruhukira kwa ........
Mbese wa ......... yaje?
Mukuru wawe .......... ryari?
Sobanura aya ........
........ ndebe iruta ....... numve.

11.6.1.4. Himba interuro wifashishije aya magambo yonyine.

- bato kuba
- ikinyarwanda ururimi kuba urwacu
- mugenzi wanjye kwimuka
- kuza ino
- gukora
- ibaruwa ababyeyi kwandikira
- imfura se na kungana
- iwacu kwera amasaka
- igitoki n'urunyogwe kuryoha
- Kugenda ejo.

11.6.1.5. Erekana amabango y'ingenzi muri izi nteruro.

- Twiga ibidukikije.



- Ikinyabupfura ni ngombwa.
- Barahora.
- Kalima aganira na Gahigi.
- Ingabire araganira.
- Abanyeshuri basoma ibitabo.
- Abana bubaha abantu bakuru.
- Mwarimu wacu arandika.
- Mwarimu wacu yandika interuro.
- Ukora iki?

11.6.2 Amoko y'ingenzi y'interuro

11.6.2.1. Interuro rusange:

- Gutahura amoko y'ingenzi y'interuro
- Kuyatandukanya
- Guhimba interuro za buri bwoko.

11.6.2.2. Uburyo bw'isomo

- Mwarimu yandika izi nteruro ku kibaho:

| | |
|---|---|
| 1. Kalima araganira. | a. irahamya |
| 2. Kalima araganira na nde? | b. irabaza |
| 3. Andika Gahigi. | c. irategeka |
| 4. Erega iwacu ho ibishyimbo ni bikuru! | d. iratangara |

- Mwarimu abahe ibi bisubizo uko ari bine kuri buri nteruro, maze bahitemo igitunganye.

  Ubwo rero bazasanga ko interuro (1) ihamya; interuro (2) ibaza; interuro (3) itegeka; interuro (4) itangara.

11.6.2.3. Shyira agasaraba mu kazu kerekana ubwoko bwa buri nteruro.

| | iraha-mya | ira-baza | irate-geka | irata-ngara |
|---|---|---|---|---|
| Kuki Kalima afite ubwoba? | | | | |
| Musoni arasoma igitabo. | | | | |
| Mufite imyaka ingahe? | | | | |
| Noza umukono wawe. | | | | |
| Mwarimu yigisha abanyeshuri. | | | | |
| Zitura iyo hene. | | | | |
| Yoo! umushoferi yamaze umuhanda! | | | | |

| | iraha-mya | ira-baza | irate-geka | irata-ngara |
|---|---|---|---|---|
| Nimumbwire amazina yanyu. | | | | |
| Wambaye ikanzu ya murumuna wawe? | | | | |
| Mbega amanota nagize! | | | | |

11.6.2.4. Buri munyeshuri ahimbe interuro ebyiri zihamya, zibaza, zitegeka, zitangara.

11.6.3. Utwatuzo tw'ifatizo

11.6.3.1. Intego

Gukoresha mu magambo no mu nteruro akabago, akabazo, agatangaro, akitso.

11.6.3.2. Uburyo bw'isomo

- Mwarimu yandika iyi nteruro ku kibaho, abanyeshuri bakayisoma bayiha iyitsa rikwiye (batazamura ijwi).

Mbega Gahigi waje kugura iki?

Mw: — Iriya nteruro ni bwoko ki?
Sh: — Irabaza.
Mw: — Interuro ibaza cyangwa amagambo abaza biherwa n'akatuzo kabaza (?). Ni akabazo (yakandika nko mu ibara. Abanyeshuri bakitegereze, bitoze kugashushanya).

- Mwarimu akurikizeho iyi nteruro maze ayandike ku kibaho.

Naje guhaha udushyimbo.

Abanyeshuri bayisome bayiha iyitsa rikwiye.

Mw: — Iriya nteruro ni bwoko ki?
Sh: — Irahamya.
Mw: — Interuro rero ihamya isozwa n'akatuzo k'akadomo (.) bita akabago. (Yandikwa nko mu ibara abanyeshuri bakakitegereza bakitoza kugashushanya)



- Mwarimu akandika iyi nteruro ku kibaho: Urabe ufite amafaranga menshi!
- Abanyeshuri bayisome bubahiriza iyitsa.

Mw: — Iriya nteruro irahamya, irabaza cyangwa iratangara?
Sh: — Iratangara.
Mw: — Interuro itangara cyangwa amagambo atangara (amarangamutima: Mama we! Yoo! Pe! Mbega...!) bisozwa n'akatuzo bita agatangaro (!) Yakandika mu ibara; abanyeshuri bakakitegereza, bakitoza kugashushanya.

- Mwarimu yandika kandi iyi nteruro: Naje guhaha udushyimbo, udushaza n'utujumba.
Bayisome bubahiriza iyitsa. Mwarimu ababwire ko aho baruhukiye bwa mbere basoma, hari akamenyetso (,) kitwa akitso.
Yagashyira mu ibara, bakakitegereza, bakagashushanya.
«Akitso kerekana aho uvuga cyangwa usoma aruhukira akanya gato; nta wugasozerezaho.»

11.6.3.3. Shyira utwatuzo kuri izi nteruro.

— Mbese wabona umwishywa
— Genda uri umugabo pe
— Jyewe nanga inshyushyu umubanji n'amacunda
— Kuki ugira injwiri nkeya
— Nanze guhombywa na Munenwa
— Wifuza kwiga mu rihe shuri
— Dore umuntu urya igufwa ra
— Mbega ubunyobwa buryoshye
— Ino hera amasaka n'amashaza
— Nkunda ababyeyi banjye n'igihugu cyambyaye

11.6.3.4. Icyandikwa kigufi abanyeshuri bagishyiramo utwatuzo bize.

11.6.3.5. Guhimba interuro bashyiramo utwatuzo dukwiye.

11.6.4. Interuro yemeza n'ihakana.

11.6.4.1. Intego

— Gutandukanya interuro yemeza n'ihakana.
— Guhindura interuro nyemeza mpakanyi no guhindura interuro mpakanyi nyemeza.

11.6.4.2. Uburyo bw'isomo.

- Mwarimu agenda agereranya interuro nyemeza n'interuro mpakanyi.

| | |
|---|---|
| 1. Kalima araganira | Kalima ntaganira. |
| 2. Bombi barahagaze | Bombi ntibahagaze. |
| 3. Ibishyimbo ni bikuru | Ibishyimbo si bikuru. |
| 4. Gahigi afite amafaranga menshi. | Gahigi ntafite amafaranga menshi. |
| 5. Kalima na Gahigi bahuri ye mu isoko. | Kalima na Gahigi ntibahuriye mu isoko. |

- Mwarimu afashe abanyeshuri kumva ko no guhakana ari uburyo bwo guhamya ikintu. Ko rero interuro mpamya ishobora kugira intego yemeza cyangwa ihakana.
- Interuro mpamya rero ishobora kwemeza ikintu cyangwa se ikagihakana.
- Interuro ihakana iyo inshinga yayo ihakana cyangwa se irimo amagambo ngombwa mpakanyi (nta, nta bwo).

11.6.4.3. Guhimba interuro nyinshi zemeza n'izihakana.

11.6.4.4. Hindura izi nteruro nyemeza cyangwa mpakanyi.

— Sinamubonye.
— Tuzajyana gutembera.
— Kagabo yarangije igitabo.
— Mwarimu arandika ku kibaho.
— Sebera ntakunda amashaza.
— Wikwihuta.
— Ararwaye.
— Twiga imibare buri munsi.
— Bariya bana baritonda.
— Sinumva icyo uvuga.
— Ntuntegereze.



# 12. INSINA *(Sh., urup. 56)*

12.1. Inyunguramagambo

Ubutaka buhehereye:
ni ubutaka bw'ahantu hagwa imvura ihagije kandi ugasanga ubwo butaka budahangaye, bworoheye isuka.

Inguri:
ni igice cy'insina kiba mu butaka kikaba ari na cyo kimeraho izindi nsina n'imizi. Abana bayikoramo intembe bakayigendesha.

kwicira urutoki:
ni ukurimbura abana b'insina batameze neza kugira ngo insina zisigaye zishobore gushisha.

ibyiciro:
ubwoko.

Aziya:
umwe mu migabane y'isi. Uruta indi yose mu bunini n'abaturage benshi. Iyo yindi ni: Afurika, Amerika, Uburayi, Oseyaniya.

12.2. Ingingo

— Insina ikunda ahantu hameze hate?
— Vuga uko bicira urutoki.
— Ari insina zera ibitoki by'inkashi cyangwa inyamunyu, ni izihe zirushije izindi akamaro?
— Gutera urutoki ku murongo ni byiza. Kuki?
— Kuki insina yana hashize igihe iki n'iki?
— Iyo batera insina ku murongo, basiga hagati yazo umwanya munini cyangwa mutoya biterwa n'iki?
— Ni iyihe nama uyu mwandiko utugira?
— Vuga amazina y'insina uzi.

12.3. Umwitozo

Mwarimu ahe abanyeshuri umwitozo w'iyandikisha. Ahere ku ntangiriro ageze kuri « by'ingabo. »
Mwarimu abanze asomere abanyeshuri agace

k'umwandiko gakorwaho iyandikisha. Ubwa kabiri asomere abanyeshuri interuro, ahagarara ahari utwatuzo, maze abanyeshuri bandike ibyo asomye, bashyiremo utwatuzo dukwiye.

Ubwa gatatu abasomere umwandiko wose, maze abanyeshuri barebe ko nta jambo bibagiwe, hakurikireho ikosora.

## 13.NKUBA NA GIKERI. *(Sh., urup. 62.)*

13.1. Kumva ibyasomwe.

13.1.1. Inyunguramagambo

Gikeri akagenda asimbuka:
Gikeri akagenda ataruka.

urugo rukomeye:
urugo rwubakishije ibiti bikomeye n'imbariro zikomeye.
Bishobora no kuvuga urugo rukize.

inzu iva:
ni inzu idasakaye bihagije, imvura yagwa igatunguka imbere mu nzu.

gushyikiriza umuntu ikintu:
gutwara ikintu ukakigeza kwa kanaka ukakimuha.

gushyikira ikintu:
kubona ikintu ukagifata mu ntoki cyangwa ukagitunga.

ikiba cy'ubwatsi:
ubwatsi butumye, buhambiriye, bushyitse umutwaro w'umugabo.

ikibero cy'inzu:
ikibero cy'inzu ni uruhande rwo hepfo cyangwa urwo haruguru y'umuryango w'inzu.

guhemuka:
kwica amasezerano wasezeranye n'undi. Nkuba yatiye Gikeri umuhoro ntiyawumusubiza. Nkuba yahemukiye Gikeri.



iminsi ibaye miremire:
iminsi ibaye myinshi.

ibihunda:
ibirere by'ingabo n'iby'amashara.

urutete:
igikoresho cya kinyarwanda kiboshye mu biti bisobekeranye, hagati y'igiti n'ikindi hagasigara umwanya munini. Hari ibiti bitambitse n'ibihagaze. Urutete baruterekamo ikibindi cy'inzoga bajyana ahantu. Urutete barugereshaga amasaka adahuye y'amahundo bashaka kuyagurana indi myaka. Urutete rukoreshwa n'abatwa cyangwa abayovu bashyiramo ibibindi cyangwa inkono bajyana mu masoko cyangwa babibunza mu baturage.

gutarura:
kugarura, gusubiza icyo watiye.

inzoga y'ishimwe:
inzoga utura umuntu wakugiriye neza.

13.1.2. Ingingo

— Nkuba yari atuye he? Gikeri we?
— Nkuba yatiye gikeri umuhoro w'iki?
— Gikeri yageze mu ijuru ate?
— Gikeri yagarutse ate mu isi?
— Mbese uko urora ibivugwa muri uyu mwandiko byabayeho koko ?

13.2. Abanyeshuri babaze iwabo ibivugwa ku nkuba cyangwa ku gikeri; bazabitekererezanye.

## 14. ICYIVUGO CY'INTURO *(Sh., urup.69.)*

14.1. Kumva ibyasomwe

14.1.1. Inyunguramagambo

inturo:
injangwe y'agasozi

kwigerera:
kudatinya, gushirika ubwoba.

kwenda ibara:
gufata ibara, kwiyoberanya.

ikibiribiri:
inyoni y'umurizo muremure kandi mugari iba mu bihuru ku gasozi, no mu ntanzi z'urugo.

guhirika:
gutembagaza umuntu cyangwa ikintu; gusunika umuntu cyangwa ikintu.

gutunguka:
kugera ahantu, gusakara (soma nka gutahura).

kibamba yaraye ku mutambiko w'urusenge:
isake y'inkoko y'umweru yaraye ku mutambiko w'urusenge.

urusenge rw'inzu:
urutara ruba hejuru y'iziko mu nzu ya kinyarwanda; barutaraho ibitoki n'umutobe, bakabikaho n'utundi tuntu, ndetse n'inkono irimo ibiryo.

ibikohwa:
inzara z'isake.

ibirokoroko:
umubiri ujya gukomera nk'ugutwi k'umuntu, unagana mu nsi y'umunwa wa rusake nk'aho wakabaye ubwanwa bwayo.

umuheno:
umwobo w'imbeba.

iyikoma ijanja:
iyikubita inzara.

iheruka gukoma ejo:
ihita ipfa, ntiyongera gusereganya.

ikibumba:
ikibira, ishyamba.

uduhirivi:
ibintu byatwitswe n'umuriro.

14.1.2. Ingingo

— Iyo nturo icyo itegereje ni iki?



— Icyo yabonye ku mutambiko w'urusenge ni iki?
— Vuga irindi zina ry'umwobo w'imbeba.
— Imbeba yaje kureba injangwe bigenda bite?

14.2. Imyitozo

Umwitozo wo kuvuga: uyu mwandiko abanyeshuri bawufate mu mutwe; bajye bawuvuga umwe umwe kandi baryoshya.

## 15. INTARE N'IMBEBA (Sh.,urup. 70)

15.1. Kumva ibyasomwe

15.1.1. Inyunguramagambo

indiri y'intare:
intaho y'intare. Aho intare irara cyangwa iba.

umutontomo w'intare:
intare iyo yivuze igize umujinya cyangwa ibonye ikintu, urusaku rukura umutima. Ni wo mutontomo.

kiri mu makuba:
kigize ibyago, akaga.

ubugabo si ubutumbi:
kugira ngo ube intwari cyangwa ushimwe n'abandi, si ngombwa kuba munini. Dore imbeba yakijije intare iyirusha amaboko n'igihagararo.

15.1.2. Ingingo

— Imbeba yasabye imbabazi intare ite?
— Intare yashekejwe n'iki?
— Vuga mu magambo make amakuba intare yagize.
— Mbese imbeba ni yo yonyine yabohoye intare? Intare na yo yashyizeho akayo.
— Hitamo interuro ikwiye ukurikije ibivugwa muri uyu mwandiko:
  a. Imbeba yituye ineza intare.
  b. Intare yituye ineza imbeba.
  c. Umutego wababariye intare.

## 16. IMBEBA Y'INYAMERWE (*Sh., urup.72.*)

16.1. Inyunguramagambo

ipfa:
amerwe, ishyushyu ryo kurya.
Imbeba yabonye urugimbu, yumva ishaka cyane kururya.
Abana bafite nk'imineke bakayinokesha bagenzi babo bashonje, batuma bayifuza cyane, bakaba ndetse bayibambura. Ubwo baba babateye ipfa.

kunshuka biragoye:
nzi ubwenge cyane, kumbeshya biragoye. Nta bwo ndi igihubutsi.

icyayicira isari:
icyayicira inzara. Icyo yatamira.

rwagakoco:
umutego w'akuma bategesha imbeba bakazifata. Bamwe bawita gakoco.

irashishoza:
irabanza iritegereza.

nta kabuza:
ni ngombwa, nta gushidikanya.

ubu ni ubucakura:
ubu ni ubwenge bukomeye burimo uburyarya, ibi ni amayeri.

bararushywa n'ubusa:
baravunikira ubusa.

umubumbe w'urugimbu:
ibintu biyagirana, byibumbabumbye bimeze nk'amavuta bihumura, bikunda kuba ku nyama, byitwa ibinure.

dore ikizakora ku mbeba:
dore ikizagirira imbeba nabi.

ririya shyano:
kiriya kintu cyankururira ibyago.



sinabura kurwegereza utuzuru:
sinabura kurwinukiriza.

isotasota:
yomboka, isa n'iyegera.

ikoma imbarutso:
ikora buhoro ku kantu gatuma umutego ushibuka.

biba iby'ubusa:
ntiyabishobora, igorwa n'ubusa.

imbeba ikuka umutima:
igira ubwoba bwinshi.

uhima ipfa arahava:
iyo ugize ipfa, kandi udashoboye kubona ikirikumara, uva aho urigiriye ukitarura rwose ikiriguteye.

16.2. Ingingo

— Ni iyihe mpamvu yatumye imbeba iva mu mwobo wayo?
— Vuga ahantu yagiye gushaka icyo yarya.
— Ese imbeba itarafatwa, yamenye icyo umutego umara?
— Ni ayahe magambo yerekana ko imbeba yahinyuye abantu?
— Uzuza iyi nteruro: «Iriya mbeba ntiyazize guhubuka yazize.................. ryinshi.»

16.3. Imyitozo

16.3.1. Guhimba interuro zirimo aya magambo: imbarutso, isari, urugimbu, gushishoza, nta kabuza.

16.3.2. Kuzisomera abandi.

16.3.3. Guhina umwandiko.

Mwarimu ashake utubazo dutuma abanyeshuri bavuga ingingo z'ingenzi ziri mu mwandiko. Abafashe kuzikurikiranya neza, bityo babone umwandiko mugufi usa n'uyu:

Imbeba yiyemeraga yagiye gushaka icyo irya mu nzu iraheba. Yiroha mu kigega ibonamo rwagakoco, iti «ntiwamfata». Iyibonyeho urugimbu, amerwe arayirembya. Iyinyura hirya no hino, iza gukoma imbarutso irafatwa. Igira ubwoba, iratabaza, hiyizira nyir'umutego ayitegeza abana barayica.

## 17. IKINYABUPFURA MU ISHURI *(Sh., urup.30.)*

17.1. **Impugukirwa:**

Uyu mwandiko n'ubwo ari mugufi bwose, ufitiye abana bo mu mwaka wa gatatu akamaro: urabatoza ikinyabupfura (mu ishuri), kikaba ari umwe mu mico n'imigenzo myiza ya kinyarwanda umunyeshuri agomba kumenya arangije umwaka wa gatatu. Ni ubukesha!

Mbere yo kuwusesengura rero, Mwarimu abanze aganire n'abanyeshuri ibyerekeye ikinyabupfura, kugira ngo amenye neza ko bazi icyo ari cyo.

**Ingero:**
- Maheru anyura ku bantu bakuru atabaramukije. Ubwo aba abuze iki?
- Tereriyo asubiza umwarimu yicaye. Yarezwe neza?
- Shwashwanya agira umwanda, ntakaraba, ntamesa n'utwambaro twe. Ubwo abuze ikinyabupfura cyangwa ni umunyamwanda?

17.2. Gusoma

Abana babanze basome bucece. Ubwo bamaze no kumenya kwandika, bandike amagambo abakomereye. Hanyuma Mwarimu asomeshe abana benshi akosora imvugo yabo. Asomeshe kandi abana batariri mba nk'uko bamwe basanzwe babigenza. Bityo amenye ko hari icyo basomye koko.

17.3. Gusobanura amagambo

abamugwa mu ntege:
abamukurikira, abamuri hafi mu mavuko.

nta makemwa:
nta nenge, gitunganye, kiboneye.

kuroha ibigambo:
kuvugaguzwa, kuvuga icyo ubonye kandi uhubutse, kuvuga amafuti, gusukagura ibigambo.



bisebanya:
bivuga undi nabi.

mu ruhame:
ahateraniye abantu benshi nko mu nama cyangwa mu bukwe.

guhuguza:
gutwara iby'undi ubyita ibyawe kandi uzi neza ko ubeshya.

kunga:
- kumvikanya abameranye nabi, abatonganye cyangwa abahemukiranye.
- kuvura imvune ukoresheje imiti yitwa ubwungo.
- guteranya ibintu bigufi ngo bibe birebire.

kuregwa ibinyoma:
kuregwa ibitari byo, kubeshyerwa.

kurengana:
Kuzira ubusa, guhorwa ubusa.

kurwara inzika:
kutibagirwa uwakugiriye nabi ugahora ushaka kwihorera.

inabi gasenyamiryango:
inabi iteranya abavandimwe ntibongere guhura.

17.4. Ingingo

- Ni iki kiranga umunyeshuri warezwe neza?
- Kuki umwarimu akwiye icyubahiro?
- Umwana warezwe nabi yifata ate mu ishuri?
- Imvugo ya gishumba uyiziho iki?
- Kubika inzika ni byiza?

17.5. Iremanteruro n'utwatuzo

Andika interuro zuzuye ukoresheje aya magambo kandi ushyire utwatuzo wize ahakwiriye:

| | |
|---|---|
| 1 Nta makemwa | 5 Kurenganya |
| 2 Gusebanya | 6 Inzika |
| 3 mu ruhame | 7 Kuvuga |
| 4 Guhuguza | 8 Kurangaza |

**Ingero:**

— Mu rukiko babajije Ntambara impamvu akunda guhuguza.
— Ubabarira abandi ntarwara inzika.
— Nimutabashyira hamwe ngo mubunge, bazicana bidatinze!

## 18. KARYAMYENDA *(Sh., urup. 73.)*

18.1. Kumva ibyasomwe

18.1.1. Inyunguramagambo

uruhande:
kimwe cya kabiri cy'itungo ryabazwe.

urufunzo:
ibyatsi bijya kumera nk'uduti biba mu gishanga cyangwa mu bibaya by'uruzi:

inkorogoto:
ibiti by'imfunzo.

ndeka irya none:
mbabarira uyu munsi gusa.

18.1.2. Ingingo

— Uwo mugabo yariye iyihe myenda?
— Yayigiyemo se afite ibyo azishyura?
— Vuga uko yabigenje kugira ngo akire iyo myenda.
— Mu by'ukuri hari umwenda yishyuye?
— Hari icyo yungutse kindi?
— Mbese ni byiza guhora ufata imyenda?

## 19. ISEGA N'IMBWA *(Sh., urup. 74.)*

19.1. Kumva ibyasomwe

19.1.1. Inyunguramagambo

jyewe nabuze ikintunga:
nabuze icyambeshaho, nta cyo ngira cyo kurya no kunywa, ndi umukene.



banshumika ukwanjye:
banzirika ahantu nihariye, hangenewe.

kurira ku nkomo:
kurya iziritse ku giti bita inkomo.

kwishyira ukizana:
kutagira inkomyi, kuba wakora icyo ushaka ukajya aho ushatse.

ubukungu buboshye nyirabwo:
ubukungu bubuza ubufite kwishyira ukizana.

19.1.2. Imyitozo

Uzurisha izi nteruro aya magambo:

nkomo, ishumitse, kwishyira ukizana, arananutse, inyama, ikimutunga.

1. Musoni ..... ubanza amaze iminsi arwaye.
2. Uriya muntu udahinga kandi ntagire akazi akora agira .......?
3. Iyo mbwa nta cyo igutwara kuko ......
4. Isega yanze kurira ku .... kuko ikunda cyane.....
5. Imbwa ibyibushywa n'ibiryo byiza cyane cyane......

## 20. IBYIVUGO

20.1. Kumva ibyasomwe

20.1.1. Inyunguramagambo

gusukiranya:
kungikanya amagambo uvuga, kungikanya imyambi urasana.

gucyaha:
guhana umukangara ngo yikosore.

cyaradamaraye:
cyamerewe neza.

inkubito:
imbaraga.

kudakenga:
kutagira ubwoba.

kutijana:
kudashidikanya.

igikombe:
ahantu hagati y'imisozi ibiri miremire yegeranye.

agahinga:
ku mutwe w'umusozi, ku gahinga, hejuru ku musozi.

inkangu:
aho ubutaka bwatwawe n'amazi y'imvura hitwa inkangu.

nyambo yogeye:
umwiza wabaye ikirangirire, uzwi na bose.

20.1.2. Ibibazo

— Uyu muntu yari he?
— Kuki dushobora kuvuga ko yari intwari?
— Uyu muntu agenda he ku rugamba?
— Ni ibihe bikorwa byerekana ko ari intwari?

20.2. Imyitozo

Gufata mu mutwe ibi byivugo no kwivuga.

## 21. URUKWAVU N'UMUHARI *(Sh., urup. 58)*

21.1. Kumva ibyasomwe

21.1.1. Inyunguramagambo

nibikomera:
nibyera, bigeze igihe cyo gutarwa.

unagira:
unterera, unjugunyira.

gukorera urutoki:
kuruhingira, kurutunganya uruhingamo.

ndagutsinda hano:
ndakwica.



kuyangiza:
kuyonona, kuyica.

intuntu:
ubwoko bw'insina yirabura, yera igitoki bengamo inzoga y'urwagwa.

wari unsingiriye:
wari umfashe.

ntumva imbere:
ntunkira.

ubucakura:
uburyarya.

21.1.2. Ingingo

— Umuhari n'urukwavũ bỹahinze iki?
— Mbere y'uko urukwavu n'umuhari bitangira guhinga, umuhari wabonye uzagira iyihe ngorane?
— Vuga impamvu ebyiri urukwavu rwitwaje ngo rutanagira imineke umuhari.
— Urukwavu rubonye ko umuhari watahuye uburyarya bwarwo rwabigenje rute?
— Kuki umuhari wafashe urukwavu nturwice?
— Ibyo byigishije iki urukwavu?

21.1.3. Iyandikisha (igika cya nyuma)

## 22. NYIRAMWIZA

22.1. Gusobanura amagambo

umugore asama inda:
atangira kugira inda, gutwita.

gukurirwa utwite:
kuba wenda kubyara, kugira inda y'imvutsi.

yegura ikibindi:
aterura ikibindi, afata ikibindi.

bakanywana:
kera abantu bacudikaga cyane birasagaga ku nda umwe akanywa amaraso y'undi.

umukobwa w'umwangavu:
utangiye gupfundura amabere, ufite nk'imyaka cumi n'ibiri n'itatu.

gushukashuka:
gukoresha umuntu ibyo adashaka cyangwa atatekerezaga.

gutashya:
— gusenya inkwi: gutoragura inkwi mu ishyamba cyangwa ahandi.
— kugusuhuriza umuntu ukumbuye ariko mudashobora kubonana.

kwiteba:
kwihisha ngo undi mutajyana, kumwibeta.

isenga y'impyisi:
intaho y'impyisi.

guseseka:
kunyanyagiza hose. Amasaro aranyanyagira cyangwa se agaseseka.

inzira y'agatsibanzira:
ahatanyurwa n'abantu benshi, inzira itari nyabagendwa itari igihogere.

guhigimba:
guhumeka nk'usepfura kubera agahinda cyangwa umujinya, gufureka utsikimba.

kurorongotana:
kugenda utagira iyo ujya.

Nyirarume:
musaza wa nyina wa kanaka cyangwa nyirakanaka.

kwambika imbwa:
kuzishyira inzogera ku majosi, hambikwa iz'impigi.

gutabara:
kugoboka uri mu byago.

22.2. Ingingo

1. Ni ayahe magambo nyina wa Nyiramwiza yavugiye ku



mugezi? Yabitewe n'iki?
2. Kuki ababyeyi ba Nyiramwiza bamubuzaga kujya hanze?
3. Ni iki kitugaragariza ubukungu bwa Nkuba?
4. Nkuba afite ubushobozi buvanze n'ubwenge. Shaka muri uyu mwandiko ibibyerekana.
5. Vuga uko Nyiramwiza yakize kiriya gisimba.
6. Rondora ibintu bimeze nk'ibitangaza bivugwa muri uyu mwandiko.

22.3. Umwitozo

Kubaririza umugani uririmbye bakazawucira abandi.

## 23. IMBWA N'IGISAMBO *(Sh., urup. 75)*

23.1. Inyunguramagambo

mu gicuku:
ijoro rigeze hagati, rijigije.

Yumva nta gikoma:
yumva byose bituje.

gukangara:
gutonganya, kubuza ukora icyo yakoraga.

nyamwanga kumva ntiyanze kubona:
uwanga gukurikiza inama agirwa amaherezo abona ibyago atagishoboye kubyirinda.

23.2. Ingingo

— Imbwa yamokeshejwe n'iki?
— Igisambo cyaje mu nzu kangahe?
— Cyibye ibintu bingana iki?
— Umwanzi bavuga ko yishimye ni nde?

23.3. Umwitozo

23.3.1. Uzurisha izi nteruro aya magambo: cyibye, imbwa, igisambo, ntiyanze.

— Nyir'urugo yakangaye ...... ye ngo iceceke.
— Nyamwanga kubwirwa ...... kubona.

— Igisambo ...... ibintu byinshi.
— Imbwa yabonye ...... iramoka.

23.3.2. Vuga akamaro k'aya matungo:

— inka
— ihene
— intama
— urukwavu.

## 24. ISEGA N'UMUNTU *(Sh., urup. 76)*

24.1. Kumva ibyasomwe

24.1.1. Inyunguramagambo

isega:
imbwa y'ishyamba.

umuhari:
habaho inyamaswa imeze nk'imbwa iba mu mwobo mu ishyamba yitwa imbwebwe, ingunzu cyangwa umuhari.

agira intege cyane:
agira imbaraga cyane.

itamuhenze ubwenge:
itamushutse. Umuntu yakwica isega. Kugira ngo atayica, imukire, igomba kumubeshya, kumuhenda ubwenge.

rimwe risa:
incuro imwe yonyine.
Isega ibonye umuntu ntiyategereza ko ayica. Imubonye rimwe gusa byaba bihagije.

gusumira:
gufata vuba mu ntoki cyangwa mu kanwa.

mu bitugu:
ahagana mu mugongo, ariko hafi y'ijosi.

kuzinga umunya:
gukambya agahanga. Umuntu yarashe isega isasu mu maso maze ikambya agahanga, izinga umunya.



gusatira:
gukomeza kwegera umuntu cyangwa ikintu.

umenya wahashye:
umenya wagize ibyago.

24.1.2. Ingingo

— Kuki umuhari utekereza ko nta nyamaswa yakira umuntu itamuhenze ubwenge?
— Kuki ingunzu n'isega byagombye kujya kwicara ku nzira?
— Umuntu wanyuze muri iyo nzira bwa mbere yanganaga iki?
— Ikitwereka ko umuntu bavuga muri uyu mwandiko ari umuhigi ni iki?
— Isega yahuye n'umuntu birarwana. Uwo muntu afite izihe ntwaro?
— Uyu mwandiko uragaragaza iki?

## 25. UMUBIRI W'UMUNTU *(Sh., urup. 78)*

25.1. Kumva ibyasomwe.

25.1.1. Inyunguramagambo

kubumbatira:
korosa, gutwikira. Ubwonko butwikiriwe n'amagufwa y'umuntu, akaburinda gukomereka akabufata neza.

uburanga:
ubwiza bwo mu ruhanga. Umuntu agira uko asa undi na we akagira uko asa. Bigaragarira mu ruhanga. Iyo shusho ya buri muntu ni bwo buranga.

umurundi:
igufwa rirerire ry'imbere ku kuguru, riva ku ivi rikagera ku birenge. Banaryita kandi ruseke.

25.1.2. Ingingo

— Umubiri w'umuntu ugizwe n'ibice bingahe?
— Akamaro k'ubwonko ni akahe? Ak'amaso? Ak'amazuru?

— Ibice by'ukuguru ni ibihe?
— Udutoboro turi ku ruhu rw'umubiri tumara iki?
— Kuki tugomba gukora, kurya neza no kugira isuku?

25.2.3. Icyandikwa (igika cya gatatu)

## 26. INDOGOBE N'UMUNTU *(Sh., urup. 80.)*

26.1. Kumva ibyasomwe

26.1.1. Inyunguramagambo

umunyu:
hari ubwoko bubiri bw'umunyu: urugera, n'ingezi (gikükuru). Ingezi bayipfunyika mu birere maze bakagira udupfunyika twinshi. Bene uwo munyu ni wo indogobe yari yikoreye.

urayishengura:
iyo ndogobe yumva iremerewe, ivunika.

arayitura:
nyir'indogobe yayifashije kugeza hasi umutwaro, umuzigo yari yikoreye.

noneho wumvise:
noneho ntuzongera ndaguhannye.

26.1.2. Ingingo

— Indogobe yakubise umuzigo hasi kubera iki?
— Nyirayo yabigenje ate amaze kubona ko umunyu we upfuye ubusa?
— Indogobe yongeye kubigenza ite?
— Imaze kunanirwa, shebuja yayigenjereje ate?
— Ibyago bijya bigira akahe kamaro?

## 27. INJANGWE YACITSE UMURIZO *(Sh., urup. 81.)*

27.1. Kumva ibyasomwe



27.1.1. Inyunguramagambo

mfite ijambo rimwe mbabwira:
hari icyo nifuza kubabwira, kandi simbarambira: ni igitekerezo kimwe gusa.

ukundi:
ntibizongera na rimwe.

hari uwakuganyiye?:
Hari uwakugejejeho akababaro ke kugira ngo umufashe cyangwa umugire inama?

twakumenye!:
twabonye uko umeze; twagutahuye!

yikura mu isoni:
yikiza ikimwaro, yikiza ipfunwe.

27.1.2. Ingingo

— Ni izihe mpamvu injangwe itanga kugira ngo izindi njangwe ziyikurikize?
— Injangwe zasekejwe n'iki?
— Injangwe zakurikije inama ya mugenzi wazo?
— Ni iki cyerekana ko iriya njangwe igize isoni?

## 28. UMUGANI W'UBUSHWIRIRI *(Sh., urup. 82.)*

28.1. Kumva ibyasomwe

28.1.1. Inyunguramagambo

ubushwiriri:
udusimba bavuga mu migani gusa (ariko mu by'ukuri nta gasimba kitwa iryo zina kabaho).

kujya guhakwa:
kera umuntu yajyaga ku mukire ufite inka nyinshi agakora imirimo yo mu rugo cyangwa akaragira izo nka. Icyo gihe cyose yabaga ahatswe, hanyuma akazahabwa inka n'uwo shebuja.

kugabana:
guhabwa inka na shobuja.

kurya inka:
kuyibaga ukarya inyama zayo.

kunoza inama:
kujya inama mukemeranya, mukumvikana.

kunyerera intagarane:
agashwiriri karanyereye amaguru aratandukana.

kumira nkeri:
agashwiriri kishwe n'amazi.

gutashya:
- gusenya inkwi
- gutuma ku wundi umusuhuza.

gutandaraza:
kwicara amaguru atandukanye, utambikije.

reka nze tubonane:
reka nze ngukubite.

gukuba ijosi:
agashwiriri kikubise hasi ijosi rirakebana, karapfa.

kurimbuka:
- gupfa: abantu batewe n'indwara y'icyorezo bararimbuka.
- kurandukana n'imizi: igiti gifite imizi idafashe kirimburwa n'umuyaga.

kubara inkuru:
kuvuga ibyabaye. Ubushwiriri bwarapfuye burashira ntihasigara na kamwe. Ntihasigara n'ako kuvuga ibyabaye.

28.1.2. Ingingo

- Ubushwiriri bwari bungahe?
- Ubushwiriri bwigiriye nama ki bumaze gupfusha se?
- Bumaze kugabana inka kwa shebuja bwabigenje bute?
- Urupfu rw'ubushwiriri rwaje rute? Bwashoboraga kurwirinda?
- Ubushwiriri bwigabanyije iyihe mirimo?
- Iyo uba mu mwanya w'ubushwiriri uba warakoresheje iki inka yanyu?



28.2. Kuvugira mu ruhame

Abanyeshuri bacirane imigani. Umwe ajye imbere ya begenzi be, undi ni uko.

## 29. IMIGENZO YA KINYARWANDA *(Sh., urup. 60.)*

29.1. Kumva ibyasomwe

29.1.1. Inyunguramagambo

umunyamahanga:
Umuganda, Umurundi, si Abanyarwanda ni abanyamahanga kuko atari abo mu gihugu cyawe uvukamo.

umubyizi:
mu cyumweru harimo iminsi itandatu bakoraho imirimo n'umwe baruhukaho ntibakore. Iyo minsi bakoraho yitwa imibyizi. Guha undi umubyizi rero ni ukumuhingira cyangwa kumukorera undi murimo umunsi umwe, umufasha.

kwaduka:
hariho abasaza bavutse ku mwaduko w'abazungu, hariho n'abandi bavutse ku mwaduko w'inzara ya Ruzagayura. Abavutse ku mwaduko w'abazungu bavutse ari bwo abazungu bageraga mu Rwanda. Abavutse ku mwaduko wa Ruzagayura na bo bavutse iyo nzara igitunguka mu Rwanda.

kuguzanya:
iyo abantu babiri cyangwa batatu bagenda bahingirana, uwahingiwe mbere akishyura uwo mubyizi akanongeraho undi azishyurwa nyuma, bityo bagahetura; baba baguzanya. Bashobora no kuguzanya amafaranga, imyaka....

gutwikurura:
kera umukobwa warongowe (umugeni) yigumiraga mu nzu kwa sebukwe ntajye ahagaragara, ari byo bitaga «gutinya» cyangwa «kwarama». Hacaho iminsi kwa sebukwe bakaza bakamwogosha amasunzu, noneho

agasohoka agatangira gukora imirimo y'urugo, bikitwa gutwikurura.

gukura ubwatsi:
umugenzo wo gushimira umuntu waguhaye ikintu: itungo, umurima, isuka, n'ibindi.

kwata:
guha umuntu umurima ahinga mu gihe gito.

kugodokerana:
gufashanya.

gusemberera:
gucumbikira umuntu udafite aho aba.

umuganda:
umuntu ashobora kwikorera umuba w'urubingo, imiseke, ibiti...
Mu bwubatsi ni igiti cyo kubaka inzu.
Guha umuntu umuganda:
— kumufasha imirimo
— gutanga umuganda wo kubaka u Rwanda: gufatanya n'abandi imirimo igamije gutsura amajyambere y'Igihugu cyacu.

gusembereza:
gucumbikishiriza umuntu mu nzu igihe atarabona iye.

29.1.2. Imyitozo

— Koresha aya magambo mu nteruro: umunyamahanga, kwaduka, kuguzanya, kwata, kugodokera, gusembera.
- Abanyeshuri babaze iwabo indi mihango ya kinyarwanda maze bazayibwirane.

## 30. INUMA N'IMBEBA *(Sh., urup. 56.)*

30.1. Kumva ibyasomwe

30.1.1. Ingingo

— Kuki uyu muntu wategaga inyoni yamishije amasaka mu byatsi birimo umutego?



— Ubwoko bw'inyoni bwafashwe mu mutego ni ubuhe? Inuma zumviye umutware wazo? Byagenze bite?
— Inama umutware w'inuma yazigiriye zimaze gufatwa mu mutego zarayikurikije?
— Kuki inuma zagiye kureba umutware w'imbeba?
— Erekana ko umutware w'imbeba afite umutima mwiza.
— Uyu mwandiko w'inuma n'imbeba watwigisha iki?

30.1.2. Umwitozo

a) Wigeze gukubagana bigutera ibyago, urabyicuza. Bitubarire.
b). Uzi umwana ukunda gukubagana. Vuga ibyo akora bibyerekana.

30.2. Icyandikwa (igika cya gatatu)

## 31. ISHA N'INZOVU *(Sh., urup. 86.)*

31.1. Inyunguramagambo

Gusobanura amagambo

ejo kare:
bukeye kare mu gitondo.

mu museso wa kare:
mu gitondo kare.

inyamaswa ziciye bugufi:
inyamaswa ntoya, nk'urukwavu, imbeba, umukara...

guhurura:
kujya ahantu bagutabaje.

kurabukwa:
kubona umuntu cyangwa ikintu mu kanya gato.

kugira impuhwe:
kubabarira.

gusebya umuntu:
kuvuga umuntu nabi umubeshyera.

kugamika:
kugenda uraritse umutwe boshye uwirata.

guha amaso:
kureba, kwitegereza.

kuvugira ku mugaragaro:
kuvugira mu ruhame.

kwitunatuna:
guhina ingingo z'umubiri kugira ngo ushobore gusimbuka.

kuzimiza:
gusimbuka ukikoza mu kirere.

31.2. Ingingo

- Igihe isha yaganiraga n'izindi nyamaswa yazibwiye iki?
- Inyamaswa yamenyesheje inzovu amagambo isha ivuze ni iyihe?
- Inzovu yumvise ayo magambo yabigenje ite?
- Isha ibonye inzovu yabigenje ite?

31.3. Icyandikwa (igika cya mbere)

## 32. IMBWA N'IMPYISI *(Sh., urup. 85.)*

32.1. Kumva ibyasomwe

32.1.1. Inyunguramagambo

tunywane:
umwe anywe amaraso y'undi tube incuti z'amagara; ntihazagire uhemukira undi.
Iyo abantu banywanaga bakaza kugirirana nabi ngo byashoboraga kubagwa nabi, ndetse bakaba bapfa batumbye.
Abantu banywanaga babitaga abanywanyi, ariko ubusanzwe iryo jambo rivuga incuti, uwo mukunda gusangira.

ubu ngiye kwihwereza:
ngiye kwipfisha.

iyishwaratura:
iyirya ibyara.



iturumbukana ya mbwa:
ihengera batayirora maze yirukankana imbwa.

urapfe upfuye!:
upfe buheriheri, ntuzagaruke!

iraruha igera imuhira:
amaherezo igera mu rugo, irashyira igera iwayo.

imbugita:
icyuma kinini babagisha.

mbonye urukundo umfitiye:
iyi nteruro iratangara kuko imbwa yibwiraga ko impyisi iyikunda none ikaba isanze yarishukaga cyane. Inyandiko y'iyi nteruro inyuranye rwose n'igitekerezo kiyirimo, kuko buriya ni nk'aho imbwa yakavuze iti «noneho mbonye ko utankunda!» Bijya gusa no kuninura cyangwa gusekera mu kinyarwanda: ushobora kugira uti: «ni koko uri umukungu» uvuga ko uwo muntu ari umukene.

Nta kunywana n'impyisi koko!
Babivuze ukuri, kunywana n'impyisi nta kamaro kandi ni na bibi.

byangana urunuka:
birazirana cyane, bigirana urwango rwinshi cyane.

32.1.2. Ingingo

- Erekana uko imbwa n'impyisi byabanje kuzura.
- Kuki imbwa yihwereje?
- Vuga uko impyisi yahemukiye imbwa.
- Ko impyisi yajyanye imbwa, yagira ngo iyigire ite?
- Mbese ibyo uriya mwandiko utubwira byabayeho koko?
- Hitamo interuro ihuje n'ibiri muri uyu mwandiko.
  Imbwa yatinyaga impyisi.
  Impyisi yatinyaga imbwa.
  Imbwa n'impyisi byaranywanye.

32.2. Imyitozo

Abanyeshuri bahine uyu mwandiko babifashijwemo na Mwarimu, maze uwo mwandiko uhinnye bawandike mu makaye yabo.

**Urugero** : Impyisi yacuditse n'imbwa, biranywana, bisangira buri kantu, bisezerana kuzahambana iwabo. Imbwa iza kwihwereza, umugore wayo atuma kuri Mpyisi ngo ize guhamba iyo ncuti. Ije iturumbukana ya mbwa irayibabaza cyane. Igeze imuhira isiga ya mbwa ku muryango ijya mu nzu gushaka imbugita, hagenda imbwa. Irahira kuzongera kubana n'impyisi, bizirana kuva icyo gihe.

— Abanyeshuri babwirane udukuru bazi turimo andi masezerano y'inyamaswa.

## 33. NGUNDA *(Sh., urup. 32, 52, 84.)*

33.1. Kumva ibyasomwe

33.1.1. Inyunguramagambo (igice cya mbere)

ni icyago, ni ishyano:

Ngunda yari umugabo utameze nk'abandi. Ni cyo gituma atangaje.

Ngunda ni igisahiranda:

ni umuryi cyane. Ariko kandi Ngunda ntiyari umunyandanini gusa, we yemeza ko ari n'umukozi kurusha abandi. Yahingaga imisozi myinshi: Rubona na Musasu, Nyundo ya Bugoyi, Ntenyo, Bugondo ...

Mwarimu ashobora kwifashisha ikarita y'u Rwanda kugira ngo abanyeshuri babone aho imisozi iherereye.

gukorera hasi kubura hejuru:

gukora utaruhuka.

ingumba kabombo:

ingumba nini cyane

Ingumba ni inka cyangwa ikindi kiremwa cyabyaye nyuma kikarekera aho bidatewe no gusaza.



Ikidasesa:

ni intara nini cyane.

Ubusanzwe ibidasesa si ibyo kuriraho, ahubwo babyanikaho imyaka nk'amasaka, ibishyimbo n'ibindi ...

imbehe:

ibazwa mu giti. Iba imeze nk'umuvure maze bakayiriraho. Muri iki gihe ariko, amasahani ni yo akoreshwa cyane kuko wenda aboneka vuba. Imbehe irabazwa bigafata igihe.

umufa:

amazi y'inyama zitetse.

33.1.2. Inyunguramagambo (igice cya kabiri)

gufungura:

ni ijambo rivuga kurya. Mu kinyarwanda, ni ikinyabupfura gike kubwira umuntu ngo naze arye; ahubwo ugira uti «ngwino ufungure».

kubarira:

ni ukugereranya mu bwenge.

**Urugero:** Umunyeshuri abarira ko isaha yo kujya kwiga igeze, nuko agakaraba akagenda.

gutonora:

kurya ku nyama z'inka babaze ngo bayiterekereze. Umuryango wose ukayiryaho. Umuntu wese wo mu muryango bamuha intongo. Nta bwo rero barya inyama nyinshi.

kuba iciro ry'imigani:

Ngunda baramuvuze cyane ari na ko kandi agawa ko ari umuryi wa cyane. Biba umugani.

gufunguza:

gusaba icyaguhembura.

gutwaza:

uko natwaza iri zuba:

uko narigendaho n'ubwo ricanye bwose.

gukuka ibikoba (by'umubiri):
kumva utinye cyane, ufite ubwoba bwinshi.

kuba umupfu:
kutagira ubwenge.

ararinkoreye (ishyano):
anteye ibyago.

33.1.3. Inyunguramagambo (igice cya gatatu)

kungamo:
kongera kuvuga, wongera amagambo ku yo wavuze.

gukiranuka:
kuva, gutirimuka. (mu irembo).

kumunga:
kurya imyaka. Ubundi agasimba kitwa imungu ni ko kamunga amasaka cyangwa indi myaka. Iyi mvugo ivuga ko Ngunda amunga ni imvugo imuseka kuko ubundi nta muntu umunga.

ubujunde:
udusigazwa, utwamvagara.

umusozi arawucuba:
arawumanuka.

kudahira:
gukura amazi mu iriba.

ibuga:
aho inka zinywera.

kurumanga:
kubura amazi yo kunywa ahagije (amatungo) cyangwa kuyabura rwose yashize.

uruhondobero:
gusinzira buhoro buhoro. Gupfa uruhondobero ni ugupfa wishwe n'umunaniro w'inzara.

33.1.4. Ingingo (igice cya mbere)

— Vuga amagambo yerekana ko Ngunda ari umuntu utangaje.
— Ngunda yashatse abagore bangahe?
— Ngunda yari umuntu w'igisambo. Irindi jambo



ribisobanura ni irihe?
— Ngunda yari afite sano ki na Gacumu?

33.1.5. Ingingo (igice cya kabiri)

— Kuki Ngunda avuga ko atonoye gusa?
«Gahorane amashyo n'ingoma, Nyagasani.»
— Vuga izindi ndamutso za kinyarwanda uzi.
— Ingoma ni iy'iki?
— Umunyanzoga wa Ruganzu yanganaga ate?
— Ruganzu yashoboraga se kudasogongeza Ngunda?
— Ngunda yarasogongeye gusa koko nk'uko yari yabivuze?
— Umuheha wa Ngunda utaniye he n'iyindi miheha?

33.1.6. Ingingo (igice cya gatatu)

— Umugore wa Ngunda yari yabyaye. Byari ngombwa ko iwabo bamuhemba?
— Usanga ko Ngunda yamuhembye bikwiye?
— Ibihembo kwa sebukwe wa Ngunda bamuhaye ni ibihe?
— Amasaka bahaye Ngunda yayagejeje mu rugo?
— Ngunda yari umuntu ufite imbaraga cyane. Biragaragara bite?
— Ngunda yaguye mu nzira. Yazize iki?
— Igitekerezo cya Ngunda kitwigisha iki?

33.2. Guhina ibice byose by'uyu mwandiko; umugufi kandi utunganye ukandikwa mu makaye.

## 34. BAKAME N'IMPYISI *(Sh., urup. 36.)*

34.1. Ivumburamatsiko

— Kwibuka imigani bavugamo ibya Bakame.
— Kwerekana ko dusanga Bakame mu migani myinshi ari inyaryenge, ko izi guhenda ubwenge inyamaswa cyangwa abantu.
— Naho impyisi kenshi bayivugaho ubusambo n'ubucucu; ni bwengebuke.
— Umugani tugiye gusoma baravugamo impyisi na Bakame. Biragenda bite?

— Kwitegereza ishusho nsanganyamatsiko. Abanyeshuri bavuge icyo babitekerezaho. Barabona iki? Izo nyamaswa zaba zivugana iki?

34.2. Gusoma

Babanze gusoma bucece. Hanyuma basome bakuranwa, Mwarimu abakosora.
Abanyeshuri bandike amagambo batumva neza.

34.3. Kumva umwandiko

34.3.1. Inyunguramagambo

bishyira kera:
bimaze igihe, biratinda.

byo gutangiza:
byo guheraho ngo nanjye ncuruze.

gukungahara:
kuba umukungu, kugira ibintu byinshi, amafaranga menshi.

ararikocora:
kuvuga ijambo abandi batinye kuvuga.

imiramukire:
uko yaramutse ameze. Bakunda kuvuga ngo «nta miramukire yanjye ... = naramutse merewe nabi. Bavuga na «nta mirirwe yanjye».

baducucuye:
batwibye ntibagira icyo badusigira.

kugwa mu kantu:
kumirwa, kubura icyo uvuga.

isa n'ikubiswe n'inkuba:
isa n'ihwereye.

gufukura icyuzi:
gusukura.

biragatabwa!:
ntibyayiza mu bitekerezo, irabyibagirwa.

yarimbaguye:
gucukura cyane kandi vuba.



inkangaza:
urwagwa rw'ubuki.

rurababuka:
rushyaho buke.

inkanka:
igice cyo hirya y'ururimi ugana mu muhogo.

imanga:
ahantu ku gasozi hacuramye.

urujigo:
inkono y'itabi ishaje (rugirwa cyane n'abasaza n'abakecuru).

kwimikwa:
kugirwa umwami.

ukivutsa:
ukibuza umugisha, ayo mahirwe cyari kigiye kubona.

kwangira:
gukora ikintu baguhatiye mu by'ukuri utagishaka.

iradanangira:
irahambira, irakomeza cyane.

iniha:
itaka.

itakirashya:
itagitera imigeri isamba, yapfuye.

kidundaritse:
kwicara ku kantu gato.

ishya ubwoba:
igira ubwoba.

kuzinukwa:
kuva ku kintu wakundaga, wakoraga, ukakireka uruhenu.

34.3.2. Ingingo

— Muri uyu mwandiko haravugwamo ba nde?
— Impyisi na Bakame byabanaga bite?

- Bakame yagiriye iyihe nama impyisi? Kuki impyisi yabyemeye?
- Ubwo bucuruzi bwabigendekeye neza? Yayihemukiye ite?
- Impyisi imaze kubona ko Bakame iyiryarya yabigenje ite? Byarangiye bite?
- Urebye Bakame irusha iki impyisi?

34.3.3. Kubwirana izindi nkuru zerekana ko Bakame ari inyaryenge.

## 35. URWANGO RW'INJANGWE N'IMBEBA *(Sh., urup. 91.)*

35.1 Kumva ibyasomwe

35.1.1. Inyunguramagambo.

bigasangira akabisi n'agahiye:
byari incuti cyane, bigasangira buri kantu kose, ari amakuba, ari umunezero.

irazivovora:
ivangura amagufa n'imihore, maze iririra.
No gukura ibishishwa ku kintu, nk'umutumba cyangwa ibiti byitwa kuvovora.

iziranzika munsi y'urusenge:
irazibabura izisiga umunyu, izimanika munsi y'urusenge kugira ngo zoye kubora, naho zamara iminsi.

irengera kuri za nyama:
ijya kuri za nyama irazirya.

imaze gutuna:
aho ihagiye cyane, akada kayo kamaze gufora.

isanga inkangara irayihamagara:
isanga inkangara irimo ubusa. Isanga nta nyama ikirangwa mu nkangara.

ikubitwa n'inkuba:
iratangara cyane.

intongo:
inyama y'umutamiro.



imbeba ishyitsamo:
imbeba iriruka cyane.

yicoka mu mwobo:
yiroha mu mwobo. Yinjira vuba mu mwobo, ihonongeramo.

imanjiriwe:
ibuze uko ibigenza.

tubaye inzigo:
twanganye urunuka, tubaye abanzi, hehe nawe!

35.1.2. Ingingo

- Imbeba yacukuriye iki umwobo mu miganda y'inzu?
- Erekana amakabyankuru ari muri uyu mwandiko.
- Ni iki kigaragaza ubusambo bw'injangwe?
- Ni ibihe bimenyetso byerekana ko imbeba yatinyaga injangwe?
- Hitamo interuro ihuje n'ibyo wasomye muri uriya mwandiko.

Imbeba ni igisambo.
Imbeba ni inyaryenge.
Injangwe igira ubuntu.
Injangwe yafashe imbeba irayica.
Injangwe ntiyashoboye gufata imbeba ngo iyice.
Injangwe yicotse mu mwobo w'imbeba.

35.2. Umwitozo.

Uzurisha izi nteruro aya magambo (irengera, yicoka, aramanjirwa, kabombo, kubivovora, iramuhamagara, inzigo.)

Nabonye igipfizi ........ mu muterano.
Ibi bigori ubyotse ubanje .........
Yarashakashatse ........... ku mineke, arayirya.
Mama yagiye kutugaburira, asanga inkono ..........none inzara iratubaga.
Iwabo batahuye ko abeshya, abura icyo avuga .........
Injangwe yavudukanye imbeba, imbeba ishyitsamo ....... mu mwobo, iyikira ityo.
Ungiriye nabi twuzuraga, kuva ubu tubaye ..........

## 36. IMPYISI N'IMANA *(Sh., urup. 45.)*

36.1. Gusoma bucece

36.2. Inyunguramagambo

ipfa, amerwe:
gushaka cyane kurya ikintu.

nguhindurire umurizo:
nguhe undi murizo nk'uwo.

igisembe cy'intama:
inyama yo ku murizo w'intama.

urubwa:
ukubeshyera.

ububwa:
ubunebwe.

36.2. Gusomesha umwe umwe aranguruye.

36.3. Ingingo

— Kuki impyisi yagiye kubaza Imana?
— Kuki impyisi ishaka umurizo nk'uw'izindi nyamaswa?
— Impyisi ibibajije Imana iyisubiza iki?
— Imana yayigerageje ite?
— Impyisi yabinanijwe n'iki?
— Imana iyigenera iki na zene wayo?
— Hari akamaro uzi k'impyisi? (nko mu bukerarugendo)
— Abantu bavuga ko Imana ari iki? ko imaze iki?
— Uriya mugani «Iraguha ntimugura» uvuga iki?

36.4. Icyandikwa (Igika cya kabiri)